Umwemeramana ntakange umwemeramanakazi, nagira imico mibi atamushimaho, azagira indi amushimaho

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwemeramana ntakange umwemeramanakazi, nagira imico mibi atamushimaho, azagira indi amushimaho." Cyangwa se yaravuze iti: "Indi mico."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije umugabo kuba yakwanga umugore we urwango rwatuma amuhuguza, akamureka, ndetse agatana nawe; Kubera ko umuntu yaremanywe inenge, iyo agize imico mibi adashima, haba hari indi myiza akwiye gushima; aba akwiye rero gushima iyo myiza yemera, akamwihanganira muyo adashima imugaragaraho, ku buryo bidakiwye kugera ku rwego rwo gutandukana nawe.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3071